Ishami rishinzwe imyidagaduro y'abaturage mu mujyi wa Albuquerque

Amabwiriza agenga gahunda y'urubyiruko y'ibiruhuko byo mu Mpeshyi ya 2022

4)Gahunda igenewe abana bafite imyaka iri hagati ya 5 na 15. Abana bafite imyaka 5 mu gihe cyo kwiyandikisha bagomba kuba bujuje imyaka 6 ku wa 1 Nzeri 2022 (Bashobora gusabwa kwerekana ibyangombwa bibyemeza).

Kwiyandikisha

Gicurasi 2–13

Kwiyandikisha mu banyamahirwe

Kwiyandikisha mu banyamahirwe bishobora gukorerwa kuri mudasobwa cyangwa kuri telefone igezweho unyuze kuri play.cabq.gov.

Gicurasi 16

Gutoranya abanyamahirwe

Umubare w'abatoranywa uzajya ushingira ku mubare ntarengwa w'abantu ikigo gitegura gahunda gishobora kwakira. Abatuye muri COA (hashingiwe ku biteganywa n'Inama nkuru y'umujyi) ni bo bazajya baherwaho. Abitabira bazajya bakirwa kugeza igihe imyanya yose yuzuriye. Iyo myanya nimara kuzura, hazashyirwaho urutonde rw'abategereje hakurikijwe uko bagiye batoranywa.
Niba umwana wanyu (abana banyu) yaratoranyijwe mu banyamahirwe, muzabona imeyiri (imeyiri zoherezwa kuri aderesi iri muri dosiye), ikubiyemo amabwiriza yo kwandikisha umwana wanyu (abana banyu) muri Gahunda yo mu biruhuko byo mu Mpeshyi. Amazina y'abana batoranyijwe azamanikwa kuri buri kigo ku wa Gatatu, tariki ya 18 Gicurasi 2022 kugeza ku wa Gatanu, tariki ya 27 Gicurasi 2022.

Gicurasi 18–27

Kwiyandikishiriza kuri interineti

Abanyamahirwe batoranyijwe bagomba KWIYANDIKISHA muri gahunda bitarenze tariki ya 27 Gicurasi kugira ngo batabura umwanya wabo. Kwiyandikishiriza kuri interineti bikorerwa kuri play.cabq.gov. Kwiyandikisha ni amadolari 10 kuri buri mwana kandi yishyurwa mu gihe cyo kwiyandikisha.

Kamena 13

Amatariki ya gahunda yo mu biruhuko by'Impeshyi

Gahunda yo mu biruhuko by'Impeshyi izahera ku wa 13 Kamena igeze ku wa 5 Kanama, ku wa Mbere kugeza ku wa Gatanu, kuva saa 7h30 za mu gitondo kugeza saa 5h30 za nimugoroba.

ONE ALBUQUERQUE

Ku bijyanye n'andi:
505-767-5800
cabq.gov/crei/youth-programs